

## Umugereka: Imbumbabibazo

Izina ry'umuryngo:	
Izina rya gikirisitu:	
Aho atuye:	
Itariki n'aho yavukiye:	
Ubwenegihugu bumwe cyangwa bwinshi:	
Umwuga:	

<sup>1</sup>Ese hari ubwo wigeze mu buryo budasubirwaho uhamwa n'icyaha icyo ari cyo cyose kigambiriwe cyangwa n'amakosa ayo ari yo yose ajyanye no kurenga ku mabwiriza agenga imyitwarire avugwa gika cya 11 igice cya gatanu cy'Amategeko ya FIFA agenga imyitwarire?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura;

<sup>2</sup>Ese hari ubwo urwego runaka rugenga siporo rwigeze rugufatira ibihano byo mu rwego rwa disipurine cyangwa ikindi gihano cyangwa icyemezo bimeze kimwe rushingiye ku kurenga ku mabwiriza agenga imyitwarire ari mu gika cya II igice cya 5 cy'amategeko ya FIFA agenga imyitwarire?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura:

<sup>3</sup>Ese haba hari urubanza rutararangira cyangwa iperereza riri kugukorwaho byo mu rwego rw'imbenezamubano, inshinjabyaha cyangwa urwa disipurine?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura:

<sup>4</sup> Nzi neza ko ngengwa n'ingingo z'amategeko agenga disipurine n'imyitwarire za FERWAFWA n'ingingo z'amategeko shingiro n'andi mategeko ngengamikorere ya FERWAFWA ashobora gukemura ibibazo bijyanye n'ubunyangamugayo kandi nkurikiza izo ngingo uko byimazeyo.

<sup>5</sup> Muri iki gihe nkora akazi gakurikira mu mupira w'amaguru:

<sup>6</sup> Ibi bintu n'ibihe bikurikira bishobora kumbyarira amakimbirane ashingiye ku nyungu ( reba by'umwihariko ingingo ya 23 igika cya 9 y'aya mategeko shingiro):

<sup>7</sup> Ibyitonderwa n'ibyaragaye bishobora kuba ingirakamaro mu rwego rwo gusuzuma ubunyangamugayo:

<sup>8</sup> Nzi neza kandi nemeye ko iyi mbumbabibazo ishyikirizwa abagize urwego rukwiye rwa FERWAFWA

<sup>9</sup> Nzi neza kandi nemeye ko ngomba kumenyesha urwego rukoresha isuzuma ry'ubunyangamugayo ibikorwa ibyo ari byo byose bikwiye n'ibindi bintu bizavuka nyuma yo gukora no kurangiza isuzuma ry'ubunyangamugayo

<sup>10</sup> Nzi neza kandi nemeye ko ngomba gufatanya mu buryo bukwiye n'inzego zibishinzwe kugirango hagaragare ibimenyetso bikwiye bijyanye n'isuzuma ry'ubunyangamugayo nkorerwa. By'umwihariko, nzagaragaza inyandiko izo ari zo zose nzasabwa, amakuru cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose gifatika cyaba cyiri mu maboko yanjye. Byongeye kandi, nzatanga inyandiko, amakuru cyangwa ikindi ikintu icyo ari cyo cyose kitari mu maboko yanjye ariko mfite ububasha bwo kubona.

<sup>11</sup> Nzi neza kandi nemeza ko urwego rukora isuzuma ry'ubuziranenge rushobora gushaka amakuru ku bihano bishobora byarabayeho (reba ikibazo cya mbere n'icya kabiri hejuru) mu buryo butaziguye muri FIFA cyangwa mu rugaga rukwiye kimwe no mu zindi nzego nko mu Rukiko Nkemurampaka rwa Siporo rw'i Lausanne mu Busuwisi, cyangwa muri Komite Olympique Mpuzamahanga. Muri urwo rwego, nkuriyeho inzego bireba inshingano zo kugira ibanga amakuru asabwa muri urwo rwego.

<sup>12</sup> Nzi neza kandi nemeye ko urwego rukora isuzuma ry'ubunyangamugayo rushobora gushakisha andi makuru anyerekeye hakurikijwe ibivugwa mu gice cya 2 igika cya 3 cy'uyu mugereka.

---

(Ahantu n'itariki)

---

(Umukono)